URURIMI RW'IKINYARWANDA كيناروندا

# IGISIBO KIGIZWE N'IBICE BIBIRI

**Igisibo cy'umugereka:** Ni igisibo gikorwa kitari mu ibyo twavuze haruguru

**Igisibo cy'itegeko:** aricyo Igisibo cya Ramadhani n'igisibo cy'ikiru ndetse n'igisibo cy'umuhigo.

**IGISOBANURO CY'IGISIBO:** Igisibo ni: Ukugandukira Imana Nyagasani wigomwa kurya no kunywa n'ibindi byose byatuma umuntu asiburuka, kuva igihe umuseke w'ukuri utambitse kugeza izuba rirenze.

# IGISIBO KIGIZWE N'INKINGI EBYIRI

**1 Inkingi ya mbere: Kugira umugambi**

| UMUGAMBI W'IGISIBO CY'UMUGEREKA | UMUGAMBI W'IGISIBO CY'TEGEKO |
|---|---|
| Uwo mugambi uremewe igihe icyo aricyo cyose ku manywa igihe cyose utigeze ugira icyo urya, ariko umuntu atangira kuwubonera ibihembo ari uko umaze kuwushyiraho. | Uwo mugambi ni ngombwa kuwurarana ninjoro (mbere yuko umuseke utambika), ariko biranashoboka gushyiraho umugambi rimwe igihe Ramadhani yinjiye, gusa umugambi uba k'umutima, kuwuvuga k'umunwa ni igihimbano ntibyemewe. |

**2 Inkingi ya kabiri:** Kwigomwa ntugire icyo ufata cyatuma wasiburuka.



## BIMWE MUBYO USIBYE YEMEREWE GUKORA:

- Kumva ko ibiryo birimo umunyu, iyo bibaye ngombwa.
- Kumira amacandwe.
- Kwiyuhagira.
- Koza mu kanwa n'umuswaki.
- Kwisiga amarashi.
- Kwisukaho amazi kubera icyokere.

## IBYANGIZA IGISIBO:

1. Kurya no kunywa ubigambiriye, ariko uwibagiwe akarya cyangwa akanywa, igisibo cye kiba cyemewe.
2. Gukora imibonano mpuzabitsina, iyo uyikoze ari kumanywa ya Ramadhani kandi igisibo cyari itegeko kuri wowe, icyo gihe agomba gutanga icyiru gikomeye.
3. Gusohora intanga.
4. Gukora ikiri mu mwanya wo kurya no kunywa, nko kwiteza Seromo.
5. Gusohora amaraso mu mubiri mu buryo bwitwa HIJAMA
6. Kwirukisha ubigambiriye.
7. Gusohokwamo n'amaraso y'imihango ndetse n'ibisanza

## IBYANGOMBWA BISABWA KUGIRANGO IGISIBO KIBE ITEGEKO K'UMUNTU

1. Kuba uri umuyislamu.
2. Kuba ufite ubwenge
3. Kuba ugejeje igihe, naho umwana utagejeje igihe we ababyeyi be bagomba kumukundisha gusiba
4. Kuba aho uri utuye utari umuntu uri k'urugendo: Ntabwo umuntu uri k'urugendo ategekwa gusiba, ariko ibyiza kuri we nuko yasiba mu gihe igisibo kitamutera ingorane, kubera igikorwa intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakoze, hanyuma hakabamo no kwihutisha kurangiza itegeko ry'Imana, no korohereza umuntu urebwa n'itegeko, ndetse no kumenya agaciro ka Ramadhani.
5. Kuba uri muzima utarwaye
6. Kuba utari mu mihango cyangwa mu bisanza

## KIRAZIRA K'UMUNTU USIBYE IBI BIKURIKIRA:

1. Kumira igikororwa, ariko ntibyica igisibo.
2. Gusomana kuri wawundi wumva atakwirinda ibibi
3. Kuvuga ibinyoma (aribyo gukora buri kintu cyose kiziririjwe)
4. Ubujiji (aribyo ubucucu)
5. Gusiba igihe kirekire udasiburika (nko gusiba iminsi ibiri ikurikirana)

## IBINTU BITARI BYIZA MU GISIMO:

1. Gukabya mu kwiyunyuguza mu kanwa no gushoreza amazi
2. Gushyira mu kanwa ibiryo nta mpamvu.

sarhaan.com
mahadsunnah.com